# Ibintu 7 ugomba kumenya ku bijyanye no gusiba bikabije

## Gusiba bikabije ni iki?

Gusiba bigenwa hakurikijwe umubare w'iminsi umunyeshuri yasibye ishuri mu mwaka. Gusiba 10% by'iminsi yo kwiga bifatwa nko gusiba bikabije.

## Kuki kuza mu ishuri ari ingenzi?

Ubushakashatsi bugaragaza ko imitsindire y'umunyeshuri iterwa ahanini n'inshuro yagiye aza mu ishuri. Iyo abanyeshuri benshi basiba bikabije, bishobora kugira ingaruka ku munyeshuri wasibye ubwe ndetse no ku banyeshuri bigana muri rusange.

## Kuki Leta ya Maine ikurikirana ikibazo cyo gusiba bikabije?

Leta ya Maine yifashisha amakuru ajyanye no gusiba bikabije kugira ngo imenye uko abanyeshuri batsinda mu mashuri ndetse inafasha kumenya ahakenewe ubufasha mu mashuri yo muri Leta ya Maine.

## Izindi leta zibigenza zite?

Leta ya Maine ni imwe muri leta 36 zifashisha amakuru ajyanye no gusiba bikabije cyangwa ibindi bipimo nk'ibyo bigaragaza inshuro abanyeshuri baza mu ishuri kugira ngo hapimwe imitsindire y'abanyeshuri n'amashuri.

## Amakuru aturuka he?

Guhera mu mwaka w'amashuri wa 2016/2017, Minisiteri y'Uburezi ya Leta ya Maine yatangiye gukusanya amakuru ajyanye no gusiba bikabije y'abanyeshuri bose biga mu mashuri ya leta buri mwaka.

## Ni iki gifatwa nko gusiba?

Gusiba uko ari ko kose gufatwa nko gusiba, kabone n'ubwo waba wohereje ubutumwa usobanura impamvu wasibye.

## Ni gute amashuri yakemura ikibazo cyo gusiba bikabije?

Minisiteri y'Uburezi ya Leta ya Maine itanga amahugurwa afasha ibigo by'amashuri gushyiraho uburyo butuma abanyeshuri baza ku ishuri buri munsi ndetse no kubereka ibyiza byo kuza ku ishuri buri munsi.